Kigali, le 14 NOV. 1988

N° 3249 /15.00

Madamu MUKAMUSANA Hélène
Komini NYABIKENKE
Prefegitura GITARAMA

Impamvu : Ibaruwa yawe yo kuwa 10/10/1988.

Madamu,

Ibaruwa yawe yo kuwa 10/10/1988, yambwiraga ibibazo bikomeye ufitanye n'umugabo wawe KALIMWABO Fidèle yangezeho.
None rero muri make ndagirango nkubwire ko ibibazo nka biriya byerekeranye n'ubwumvikane buke mubashakanye bikemurwa ahanini n'umutima-nama w'umugabo n'umugore bagomba gushyira hamwe bita ne kubarere bwiza bw'abana babo.

Iyo ubusabane iwabo bubaye buke, ni byiza ko babigeza kubabyeyi babo n'umuryango mbere yo kugana inzego zindi z'ubutegetsi, ari ubwa Selire, Segiteri, Komini se cyanga ndetse n'iz'ubucamanza igihe abo bose bananiwe.
Nicyo gituma nkugira inama yo kwitonda ukegera abo bose, kuko nkeka ko icyo kibazo bagikemura vuba.

Ministri w'Urubyiruko ne
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini.

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

MUKAMUSANA Hélène
Komini NYABIKENKE
PREFEGITURA GITARAMA.-

NYABIKENKE, le 10/10/1988

~~[illegible]~~ 20/10/88

D67/18.10.88

A traiter par ...
Date entrée : 17/10/88
N° Classement : 8338/15.04

→ DEF pour enquête sur cette affaire

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
K I G A L I

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Mbandikiye mbatakambira kuko muli ababyeyi bacu kugirango mutugoboke mu kibazo gikomeye dufite : Njye n'umukozi wanyu i GITARAMA, wungilije Encadreri w'Urubyiruko na za Koperative.

Mu mwaka w'i 1978, ngiye kwiga kuli Foyer iwacu i NYABIKENKE, uwo KALIMWABO Fidéle wali Encadreur w'Urubyiruko muli S/Prefegitura KIYUMBA (NDIZA) yamfashe ku ngufu arandongora ; mfite imyaka 17, birasakuza, iwacu bajya kurega kuli S/Prefegitura ; noneho S/Prefe wali uhali icyo gihe witwa MUNYANGABE Ladislas, yumva ikibazo cyacu, KALIMWABO yemera ko yandongoye koko kandi yemeza ko azantunga akabinyuza mu mategeko ; ibyo rero byatumye adakulikiranwaho icyaha yali yankoreye. Ndetse nyuma iwabo bazana inzoga n'amasuka barasaba, bavuga ko ahasigaye bazatumenyesha umunsi wo gukwa no kujya muli Komini.

Ubwo nkomeza kubana na KALIMWABO ambwira ko ngo azabitunganya yabonye amafranga ; abonye " mutation " i CYANGUGU turajyana, tubanaye kugeza ubwo mutwimuliye hano i GITARAMA, tumaranye imyaka 10, ndi umugore we tubyaranye abana 3. Aho tugereye hano i GITARAMA, ahita akungikana n'umukobwa w'umwalimukazi NIBAGWIRE Médiatrice w'i RULI muli Komini NYAMABUYE. Kuva ubwo ibintu byabaye ibindi, bigeraho KALIMWABO acika mu rugo. Hashize iminsi mike aba anyirukananye abana batatu, njya iwacu i NYABIKENKE, hashize amezi 2 gusa anyirukanye aba atangaje " Cartes d'Invitation " ko agiye gushyingirwa n'uwo mukobwa.

Ikibazo cyabaye kirekire cyane mu nzego z'ubutegetsi, za Kiliziya ndetse n'iz'Ubucamanza kugeza ubwo Ubutegetsi na Kiliziya bahagalitse ubukwe bwabo nkuko photocopies zometse kuli uru rwandiko zibyerekana bihagije.

Ubu rero agakungu k'uwo mukobwa n'uwo mugabo wanjye kabaye rumomwa muli GITARAMA yose.

..../....

Ubu rero nkibaza niba nta kuntu mwacogoza ako gakungu kabo kugira ngo KALIMWABO ashobore kwibaza neza nta gitutu cy'uwo mukobwa, kugira ngo turebe uburyo twagerageza kwiyunga tugatunganya ikibazo cyacu.

Njye rero nkaba nizera ko batali hamwe byashoboka, kuko uwo mukobwa atarararura uwo mugabo wanjye, twali tumeranye neza ndetse twitegura kubinyuza mu butegetsi.

Ikindi kandi nuko ibyo mbabwiye yankoreye ako gakungu ke n'uwo mukobwa, ndetse n'ibyo byemezo by'ubutegetsi byasibije ubukwe bwabo, bidahesheje na busa agaciro Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura ; uretse kandi n'Urubyiruko, no ku babyeyi inkuru yabaye agahomamunwa.

Ndangije mbasaba ko iyi baruwa yahabwa ibanga liyikwiliye, kuko itagize ibanga, byarushaho kunteranya nawe, kandi nshaka icyatuma yibaza neza kugira ngo abe yangarukira, tubakane urugo rwacu, turere abana bacu neza batazavaho batwita ababyeyi babi cyangwa gito, kandi ngo twali n'abayobozi b'Urubyiruko i GITARAMA !!!

Nizeye rwose igisubizo cyiza, niyo cyaba icy'ubutegetsi, aliko kikaba icya kibyeyi ahanini.

Mugire amahoro mu milimo yanyu.

Mukamusana Hélène

Mukamu[signature]

/H.Th./K.O./

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE GITARAMA
COMMUNE DE NYAMABUYE.-

Nyamabuye, kuwa 13.08.1988

N° 397/04.05/3

Madamu MUKAMUSANA Helena
Utuye i RUKARAGATA
Komini ya NYABIKENKE
Prefegitura GITARAMA.-

Impamvu: Ishyingirwa rya
KALIMWABO Fidèle na
NIBAGWIRE Médiatrice.-

Madamu,

Urwandiko rwawe wanyandikiye kuwa 09/08/1988 usaba ko ishyingirwa ry'abitwa KALIMWABO Fidèle na NIBAGWIRE Médiatrice ryari riteganyijwe tariki ya 20.08.1988 ryaba rihagaritswe kubera ibibazo ufitanye na KALIMWABO Fidèle rwangezeho. Maze gusuzuma neza ibirukubiyemo byatumye mbatumiza hano ku Biro bya Komini none kuwa 13.08.1988 kugira ngo munsobanurire kuburyo burambuye ibyanyu uko biteye.

Nkulikije ibisobanuro mwampaye mu ibazwa ryanyu nabakoreye naje gusanga ikibazo wangejejeho mu rwandiko rwawe gifite ishingiro, cyane kubyerekeye abana batatu wabyaranye na KALIMWABO bataramwandikwaho ubu akaba yarakwirukanagye nabo ukaba unasobanura neza impungenge uterwa n'uburere bw'abo bana ndetse n'ikizabatunga kuko kuva aho akwirukaniye kitazwi neza.

Nkulikije kandi ko kuwa 29/07/1988 washyikilije Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GITARAMA ikirego cyawe rukacyakira kuli n° RC 12263/28 nkuko bigaragazwa na gitansi N° 049640 wishyuliyeho amafranga y'ingwate z'amagarama y'urubanza rwawe waregeye; bitumye nsaba Prezida w'urwo Rukiko noherereje kopi y'uru rwandiko kimwe n'iyibazwa ryawe na KALIMWABO, kuba yareba uburyo bwihuse urwo rubanza rwanyu rwaburanishwamo, kugirango Ubutegetsi bwa Komini buzashobore kwifashisha ibyemezo by'Urukiko kubyerekeye ishyingirwa rya KALIMWABO Fidèle na NIBAGWIRE Médiatrice ubu ribaye rihagaritswe.

KALIMWABO nawe yemeza ko yandikiye Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GITARAMA amusaba ko yahabwa abana babiri gusa (uwiga ishuri n'undi ushobora kuzatangira ikiburamwaka ubu) ariko akaba atashoboye kunyereka kopi y'urwo rwandiko kandi ntashobore no kunsobanurira aho undi mwana wa gatatu yakwerekezwa n'icyamutunga n'uzagira uruhare muburere bw'abana mwabyaranye ali nabyo wansobanuriye ko alibyo wamureze mu Rukiko kimwe n'indishyi z'akababaro n'impamba ushobora kugenerwa.

.../2

Nkuko rero mbigusobanuriye muli uru rwandiko, hemejwe ko ishyingirwa rya KALIMWABO Fidèle na NIBAGWIRE Médiatrice ribaye rihagalitswe kugeza ubwo Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GITARAMA washyikilije ikirego cyawe ruzaba rumaze gutanga ibyemezo byarwo rukiza urubanza rwanyu.

Burugumestri wa Komini NYAMABUYE

HABIMANA Thomas.

République Rwandaise Commune NYAMABUYE Préfecture Gitarama

Bimenyeshejwe:

- Prezidansi ya Republika y'U RWANDA i KIGALI.-
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini KIGALI.-
- Bwana Ministri w'Ubucamanza KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura GITARAMA.-
- Nyakubahwa Umushumba wa Diyosezi ya KABGAYI.-
- Bwana Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GITARAMA.-
- Bwana Prokireli wa Republika Parike ya GITARAMA.-
- Padiri Mukuru wa Paruwasi ya KABGAYI.-
- Padiri Mukuru wa Paruwasi ya GITARAMA.-
- Bwana KALIMWABO Fideli Utuye i GITARAMA Komini NYAMABUYE.-